RDIS Organisation in the local media



**UMUYOBOZI** wungirije w'Umujyi wa Kigali ushinzwe imibereho myiza Muhongerwa Patricia, asanga ababyeyi babigizemo uruhare, byazashoboka hakabaho umuryango utarimo ihohotera kandi umwana akabaho mu mudendezo uzira ihohotera kugira ngo ejo n'ejo bundi ari we uzaba umubyeyi muzima cyangwa se umuyobozi ubereye u Rwanda igihugu kifuza.



# Amakuru

UMWANDITSI WACU

# Gisagara: Hatangijwe umushinga wo kugeza ku baturage amashanyarazi akomoka ku mirasire



Abagenerwabikorwa ba mbere babonye amatara akomoka ku mirasire y'izuba mu Karere ka Gisagara. Uwimana, umugabo we, ababahaye amatara n'abana babo bose bishimye

**ABATURAGE** bo mu Kagari ka Cyiri basaga ijana bishimiye kugezwaho umuriro ukomoka mu mirasire y'izuba bemeza ko bavuye mu icuraburindi ry'umwijima na bo bakajyana n'ikerekezo k'iterambere, viziyo 2020.

Hari mu muhango Umuryango mpuzamadiyoseze ugamije gutsura amajyambere y'icyaro 'RDIS' mu magambo ahinnye, mu mpera z'icyumweru gishize watangije ku mugaragaro umushinga wo kugeza ku baturage amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba. Hari kandi intumwa ziturutse muri Diyoseze ya Butare mu Itorero ry'Abangilikani mu Rwanda.

Insanganyamatsiko y'uyu mushinga ikaba igira iti "Kugira urumuri rwiza bituma urugo rwisanzura kurushaho."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Cyiri, Maniraguha Françoise, yavuze ko bishimiye iterambere bazaniwe n'uwo Muryango kuko urumuri mu ngo zabo rusobanura imibereho myiza ku baturage.

Umwepisikopi wa EAR Diyoseze Butare akaba n'Umuvugizi w'Umuryango RDIS, Bishop Nathan Gasatura, yavuze ko Itorero ritagamije gusenga gusa ahubwo rishakisha n'uburyo abaturage barushaho kubona imibereho myiza babona amazi meza, amashyiga ndetse n'urumuri rukomoka ku mirasire y'izuba.

Bishop Gasatura usanzwe ari na Perezida w'Umuryango RDIS yakanguriye abaturage gukora cyane kugira ngo bagere ku iterambere ryabo no kudacikwa n'ibikorwa by'iterambere RDIS ibagezaho.

Uyu mushinga uzateza imbere imibereho y'abaturage, ukazanafasha no kurwanya imyuka yangiza ikirere. Yavuze ko hari inyungu nyinshi bazabona harimo koroherérwa ku ngano y'amafaranga bakoreshaga ku bicanwa, isuku mu mazu no kwizigamira amafaranga.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umuryango mpuzamadiyoseze ugamije gutsura amajyambere mu cyaro, Viateur Ntarindwa, yasabye abaturage kwiyubakira ibikoni byiza kugira ngo na bo bazabone amahirwe yo guhabwa amashyiga ya kijyambere (Improved cook stoves) atangiza ibidukikije, akarondereza ibicanwa cyane no kuba uyakoresha akorera ahari isuku.

Bamwe mu bagenerwabikorwa b'uyu mushinga ugamije kubona no gukoresha amashyiga ya kijyambere atangiza ibidukikije bagaragaje ko bamaze kubona inyungu nyinshi mu gukoresha ayo mashyiga. Ntarindwa yanabibukije ko bagomba kwishakamo uruhare rwabo bayagura, bishyura buhoro buhoro bijyanye n'amikoro ya buri muryango.

Umuryango wagejejweho ibi bikorwa, wa Uwimana Bathege, washimye ibikorwa bagejejweho, ati "Ntewe ibyishimo n'umushinga wo gukwirakwiza amashyiga ya kijyambere arwanya ubukene akanabungabunga ibidukikije."

Uyu mushinga wibanze uterwa inkunga na 'United Evangelical Mission' (UEM) ukaba ufite ikicaro cyayo mu mujyi wa Wuppertal mu Budage.

Uretse Diosezi ya Butare mu itorero Angilikani Umuryango RDIS unakorera ibi bikorwa muri Diyoseze ya Cyangugu, Kigeme na Shyogwe ufatanyije n'Itorero Peresibiteriyene mu Rwanda (EPR) mu kugeza amashanyarazi akomoka ku zuba mu ngo z'abaturage bari kure n'ibikorwa remezo bitanga izi ngufu.